**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**IKIGO GISHINZWE MINE, PETEROLI NA GAZI**
**P.O.BOX 937 KIGALI**

**Kigali ku wa**......05 MAI 2022......

**ITANGAZO RYO KWIRINDA IMPANUKA MU BUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI**

Hashingiwe ku makuru atangwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Iteganyagihe (Meteo Rwanda) avuga ko muri iyi minsi hateganyijwe imvura idasanzwe;
Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda (RMB) kiramenyesha abantu bose cyane cyane abafite impushya z'ubucukuzi bw'amabuye y'agacio na Kariyeri kurushaho gukaza umutekano ahacukurwa cyane cyane abacukura mu ndani. RMB irakangurira ba nyiri mine ndetse na za kariyeri gukaza ingamba zo kurwanya kuriduka kw'indani, mine zifunguye (open pits) ndetse na za kariyeri ,bigakorwa bategera izo mine ndetse banagabanya ubuhaname n'ubucurike bwa mine zifunguye, ndetse no kwitondera kuzikoreramo nyuma y'imvura kuko haba habitsemo amazi yateza impanuka;
RMB irabamenyesha ko muri iki gihe ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri bishobora kwibasira ubuzima bw'abakozi, abaturiye ibirombe ndetse n'abacukura mu buryo butemewe n'amategeko.

Abantu bose barasabwa kwirinda ubucukuzi butemewe n'amategeko kuko bimaze kugaragara ko hari abirara mu birombe bakajya gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri abandi bakayagurisha nta burenganzira babifitiye, ibyo bigateza impanuka zihitana ubuzima bw'abantu no kwangiza ibidukikije.

RMB irongera kwibutsa ko umuntu wese ushakashaka, ucukura, ucuruza, utunganya amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri nta ruhushya abifitiye ndetse n'ufite uruhushya ntakurikize ibipimo ngenderwaho aba akoze icyaha gihanwa n'amategeko.
RMB ikomeje gushimira abayobozi b'inzego z'ibanze n'abandi bafatanyabikorwa ku bufatanye bakomeje kuyigaragariza kandi ikabasaba kubukomeza no gukaza ingamba zo gukumira ubucukuzi butemewe n'amategeko.
Twese hamwe dufatanye mu kwirinda impanuka mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.

Mugire amahoro.

RWANDA MINES, PETROLEUM AND GAS BOARD

**Amb. Yamina Karitanyi**
**Umuyobozi Mukuru**